C.R → Dosi

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA, MINISTRI W'URUBYIRUKO NO GUTSURA ZA KOPERATIVE YAGIRANYE NA BA BURGUMESTRI BO MU MAKOMINI YA PREFEGITURE YA BUTARE.-

Taliki ya 16 Nzeli 1986, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, Lt Col BEM NDINDILIYIMANA Agusitini, aherekejwe na bamwe mu bakozi bo muli Ministeri ayobora, yagiye mu nama yabereye i BUTARE mu ngoro ya MRND, iyo nama ikaba yali iteraniwemo na ba Supefe, ba Burgumestri na ba Konseye ba segiteri ndetse n'abakozi bo muli Prefegitura ya BUTARE.

Kubera ko k'umurongo w'ibyagombaga kwigwa hali hateganijwe ijambo lya Ministri NDINDILIYIMANA, abali bateraniye aho bashoboye gusuzuma hamwe uburyo urubyiruko rwarushaho gutera imbere kuva mu nzego za cellule, segiteri na Komini.

Ministri yagize ati bimwe mu bibazo urubyiruko rufite, ni ubujiji n'ubukene. Ibyo bigakubitiraho n'umubare warwo wiyongera ubututitsa.
Niba se tuvuga ko amizero y'urubyiruko ashingiye ku isuka, kandi tukaba tuzi neza ikibazo cy'amasambu ni uko kifashe muli Prefegitura ya BUTARE, urwo rubyiruko ruzahinga he ? Ruzatungwa n'iki ?
Ni ngombwa ko ubutegetsi bwa komini bwazilikana icyo kibazo, ndetse ahubwo bukagikangurira abaturage hakili kare.
Kugirango ibyo bigerweho vuba kandi mu bulyo buboneye, ni ngombwa ko Burgumestri yakwifashisha ubutegetsi bwa segiteri ndetse n'ababyeyi bo bazi neza ingorane z'abana babo. Abatekinisiye nabo bagomba gushyiraho akabo, Burgumestri akabaha amabwiriza agaragara, buli wese akamenya ibyo ashinzwe ni uko agomba kubikurikiza.
Ministri yatanze urugero rw'abantu bagomba gucengeza mu rubyiruko umuco-nyarwanda. Yagize ati kurutoza uwo muco si ukuvuga gusa uko kera bategaga amasunzu, ni no kurucengezamo ikintu cyo kugira ishyaka nk'uko abakurambere bacu bagaragarizaga ishyaka n'ubutwali mu bintu byinshi, nk'uko kandi Muvoma yacu ibisaba buli munyarwanda wese.
Yibukije ikibazo cy'abakangura-mbaga b'urubyiruko muli segiteri. Abo bantu si abakozi Leta igenera umushahara nk'uko bamwe babikeka. Ahubwo batorwa na bagenzi babo kugirango babatoze ibikorwa bitsura amajyambere nk'umuganda, gushinga amashyirahamwe n'ibindi...
Umuntu yavuga ko bitoza kuzaba abakonseye bamaze gukura. Ubutegetsi bwa Komini bugomba kandi gufatanya n'inzego z'ubutegetsi bwa Kiliziya muli Komini iyi n'iyi. Birazwi ko hali abihaye Imana benshi bafite umutima wo gufasha urubyiruko kuko ali rwo mizero ya Kiliziya y'ejo. Akenshi usanga bakeneye inkunga y'ubutegetsi bwa Leta.
Hagomba rero ubwumvikane n'ubufatanye hagati y'izo nzego zombi.
Ministri NDINDILIYIMANA yagarutse ku kibazo cy'abana barangije amashuli agamije amajyambere y'imyuga. Yasabye ko hashyirwaho za ateliye zo kubafasha gushyira mu gikorwa ibyo bize. Bagombye kandi kubifashwamo n'abalimu bo mu bigo barangijemo mu gihe hataraboneka abandi balimu babigenewe.

.../...

Byaba byiza abo bana igihe bavuye muli izo za ateliye bashinze amashyirahamwe iwabo muli segiteri.

Hali amafranga Ministeri isigaye igenera buli Prefegitura kugirango agurizwe amashyirahamwe kandi amafashe abashinzwe gutegura imishinga ijyana n'ibikorwa byose bireba urubyiruko, Koperative, imikino n'imyidagaduro.

Kubera ko havutse ingorane z'ubulyo buboneye bwo gukoresha neza ayo mafranga, Ministeri iliho iriga ubulyo yakorana na za Banki z'Abaturage kugirango zigurize amashyirahamwe y'urubyiruko. Icyo gihe amafranga yaba arushijeho kwegera abo agomba gufasha kandi agakoreshwa mu bulyo bufututse, abo agurijwe n'ukuntu agomba kwishyurwa bikagaragara neza mu bitabo byabigenewe.

Ministri yakomeje yibutsa abali mu nama ijambo Prezida wa Republika aherutse kuvugira muli Kaminuza y'u Rwanda ili i Nyakinama mu Ruhengeri. Umukuru w'i Gihugu yasabye ko kuli buli murenge, muli buli selire, muli buli segiteri no muli buli Komini hakorwa ibarura ly'ibikorwa byose bishobora guha akazi urubyiruko kandi bidashingiye k'ubuhinzi gusa. Ubu rero Ministeri ishinzwe Urubyiruko ikaba yaratangiye Programu ndende yo gushyira mu bikorwa ayo mabwiliza.
Iyo Ministeri yasanze ali ngombwa ko muli buli Komini hashyirwaho komisiyo igomba kureba mbere ya byose ibikorwa bishobora kuboneka muli komini runaka. Ibyo byaba nko kubaza, gucura, kubumba n'ibindi.....

Iyo Komisiyo igomba kandi gushyira ahagaragara umubare w'abashobora gutangira iyo milimo mishya n'ingengo y'imali igomba guteganywa muli urwo rwego. Ntabwo Prezida wa Republika yifuza igitabo gikubiyemo amabwiliza ahanitse, arashaka ko ibizaba byagezweho byose byashyirwa mu bikorwa.

Ministri yifuje ko iyo komisiyo yaba igizwe na Milita Burugumestri ali ku mwe na Agronome wa Komini, umugenzuzi w'amashuli, ushinzwe ikigo gihugura abaturage ubutitsa (I.G.A.) n'Umuyobozi w'Urubyiruko mu rwego rwa Komini. Komisiyo mu rwego rwa komini ikazunganirwa n'indi izashyirwaho mu rwego rwa Prefegitura. Imirimo y'izo nzego izayoborwa na Komisiyo y'Igihugu izaba igizwe n'abahagarariye za Ministeri n'ibigo bishinzwe urubyiruko.

Yaboneyeho umwanya wo gusaba ba Burugumestri gukaza umurego mu igenzura ly'urubyiruko rwafashe akamenyero kabi ko kuzererera mu mahanga nta nzandiko z'inzira rufite kandi kuzibona bitaruhije.

Mbere y'uko asoza ijambo lye, Ministri NDINDILIYIMANA yongeye kwiyama abayobozi b'Urubyiruko bamwe na bamwe basa nkaho batagishoboye akazi kubera ingeso mbi z'ubusinzi. Ba milita Burugumestri basabwe guhagurukira abo bantu, byaba ngombwa bakabasimbuza abandi bafite umutima wo gukora koko.

Arangiza, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yijeje abali aho ko Leta izakora uko ishoboye igatera inkunga urubyiruko, cyane cyane uruli mu mashyirahamwe, iruguriza amafranga asaba inyungu itaruca intege.

Mu bibazo babajije Ministri, abali mu nama bibanze cyane ku byerekeye abarangije amashuli agomije amajyambere y'imyuga, imikorere y'abayobozi b'urubyiruko, amafranga agurizwa amashyirahamwe n'ibigo by'urubyiruko, urubyiruko rwigize inzererezi.

Ministri yasubije ibyo bibazo ariko anasaba ko umuti nyakuli ukwiye guturuka mu rubyiruko ubwo kuko ali rwo ruzi neza ibibazo byarwo. Ikindi ni uko Leta itagifite ubushobozi bwo gukemura ibibazo byose by'urubyiruko rwiyongera buli mwaka. Ni ngombwa ko abaturage (cyane cyane ababyeyi) nabo bashyiraho akabo.

Uwo mushyikirano warangiye saa sita.

MUNYANEZA Epimaque

(signature)